

TUMENYE BIBILIA
IKIGANIRO NO 0034

Uraho neza nshuti muvandimwe uteze amatwi ikiganiro TUMENYE BIBILIYA. Amahoro y’Imana nabane nawe. Kaze muri iki kiganiro ugezweho nanjye Parfait NTAMVUTSA.

Mu kiganiro cy’ubushize nakubwiye ko igice cya 26 ari icyo kwitaho by’umwihariko nyuma yo kumva iby’inkuru z’umugabo nka Aburamu na Yakobo, ariko iki gice twabonye ko kibanda kuri Isaka. Ibyo yakoraga kwari ugucukura amariba, kugeza no mu myaka ye y’ubusaza. Naje kubona ko Imana ifite ubutumwa ishaka kutumenyesha muri iki gice; ni ubutumwa bw’ingenzi cyane, na Pawulo yarabyanditse ati”Ibyanditswe kera byose, byandikiwe kutwigisha, kugira ngo kwihangana no guhumurizwa bitangwa nabyo, biduheshe ibyiringiro” (Rom. 15:4). Iki gice kiratwigisha ku kwihangana kandi hari benshi muri twe bakeneye iyi mbuto yo kwihangana gusa iki sicyo cyonyine Imana idushakaho gusa. Imana yari ifite abantu nka Aburamu, Yakobo na Dawidi babayeho mu buzima bw’intambara. Ariko ubuzima bwa Isaka bufite ubutumwa bukomeye kuri twebwe.

Mu kiganiro cy’uyu muni turarebera hamwe inkuru ibabaje y’uburyo Yakobo yariganije mukuru we Esawu maze akamutwara umugisha kuri se Isaka! Iyi nkuru dusanga mu gice cya 27, turaza kuyigarukaho nyuma y’aka karirimbo.

(.....indirimo.....)

ISOMO

Yakobo atwara ubukuru bwa Esawu; yakobo ahungira kwa Labani

Iki gice cya 27 gifite isomo rivuga kuri Yakobo na Rebeka bemeranya kuriganya Isaka kugirango batware Esawu umugisha. Urabona Yakobo yashatse umugisha wa se Isaka. Yamenye ko Imana yasezeraniye nyina ko umwana mukuru azakorera umuto; ni ukuvuga ko umugisha wari uwe kuva kera. Nubwo ari uko, ntabwo yari yezeye Imana. Rebeka nyina ntabwo yizeye Imana. Bigaragara ko se Isaka ntabwo nawe yariyizeye Imana kandi ntiyashobora guha Yakobo umugisha ahubwo yashakaga kuwaha Esawu. Yakurikije amarangamutima n’ibyifuzo byari bitandukanye n’ubushake bw’Imana.

Dushingiye ku butabera bwo mu isi ya none nta muntu n’umwe wapfa kwemera uburyo Yakobo yakoresheje kugira ngo ahabwe umugisha w’ubukuru kuko ni uburiganya bukomeye cyane. Yakobo yakoresheje uburiganya n’ikinyoma. Inzira yahisemo ni ikinyoma. Imana ntabwo yigeze imubabarira nkuko yabikoreye Aburamu na Sara igihe cya Hagari na Ishimayeli. Imana ntabwo yari gukoresha uburyarya n’ubwenge bwa Yakobo. Nkuko tuza kubibona, Imana yakoranye n’uyu muntu mu buryo busobanutse. Yakobo yagombaga kuriha icyaha yakoze. Uraza kubibona mu gice gikurikira.

Igice cya 26 kirangirana na Esawu, wari ufite imyaka nka 40, arongorana n’umuhetikazi. Aka kari agahinda kuri Isaka na Rebeka. Rebeka na Isaka rero bamenye ko nimba Yakobo atagombaga kurongora umuhetikazi cyangwa umufirisitiyakazi, yagombaga kujya i Harani aho Isaka yakuye umugeni we wo mumuryango wa Aburahamu.

YAKOBO ATWARA UBUKURU BWA ESAWU

Isaka ashaje amaso ye amaze kuba ibirorirori, ahamagara impfura ye Esawu ati, “Mwana wanjye.” Aritaba ati, “Karame.”

Aramubwira ati “Dore ndi umusaza, sinzi igihe nzapfira.

None ndakwinginze, enda ibyo uhigisha, ikirimba cyawe n’umuheto wawe, ujye mu ishyamba umpigireyo umuhigo,

Untekere inyama ziryoshye nk’izo nkunda, uzinze nziye mbona kuguhesha umugisha ntarapfa (Itang. 27 :1-4).

Twabonye ko Isaka atari akiri umuntu usanzwe, yari umuntu ukomeye. Abimeleki n’abafiristiya bazagukorana amasezerano nawe kuko bamutinyaga. Yari umuntu wihangana kandi w’umunyamahoro, w’urukondo ariko w’icyamamare n’umunyembaraga. Isaka nanoe hano, agaragaza intege nke z’umubiri. Mu buzima bwe bwose yakundaga Esawu mu gihe Yakobo nawe yakundwaga na nyina Rebeka. Esawu yari umwana w’umuhigi yajyaga mu ishyamba akica inyamanswa hanyuma akazanira se inyama akarya. Yashoboraga kuzizana akazotsa maze se akamererwa neza cyane. Rero Isaka yari ashaje ashaka guhesha umwana we yakundaga umugisha. Yari azi neza ko Imana yavuze ko umukuru azakorera umuto ariko nanone yashatse kubyirengagiza ashaka guha umugisha Esawu. Ubwo abwira Esawu ati genda unze inyama hanyuma nguhe umugisha. Mbega iyerekwa ry’uyu muryango !

Ese uriho urabona ukuntu uyu muryango wakomeje kubamo imyirya muri iki gitabo cy’Itangiriro?

Wibuke ko hari intabara mu muryango wa Aburahamu na Hagari. None dore kandi indi intabara hagati y’abana babiri b’impanga.

Rebeka yumva Isaka abwira umwana we Esawu. Esawu ajya mu ishyamba guhiga, ngo ahigurire se umuhigo.

Rebeka abwira Yakobo umwana we ati “Numvise so abwira Esawu mwene so ati

Mpigurira umuhigo, untekerere inyama ziryoshye nziye, nguheshe umugisha mu maso y’Uwiteka ntarapfa.”

Nuko none mwana wanjye, wumvire ibyo ngiye kugutegeka (Itang. 27:5-8).

Rebeka yari yumvise ibyo Isaka yari yavuze. Kandi Rebeka yakundaga cyane Yakobo yari maze ategura uwo mugambi w'ikinyoma. Bwari uburiganya, kandi budashobora kubabarirwa namba. Imana yari izi ibi, ariko yarabihoreye kugira ngo ibahane. Turaza kubibona. Kandi ikindi wamenya ni uko iki cyaha cyo kuriganya cyatumye Yakobo ahunga.

Maze Rebeka akomeza kumubwira:

Jya mu mukumbi unzanire abana b'ihene beza babiri, najye ndabatekera so babe inyama ziriyoshye zimeze nk'izo akunda,

Nawe uzishyire so azirye aguheshe umugisha atarapfa

Yakobo asubiza nyina ati “Dore Esawu mukuru wanjye ni cyoya, jyweho umubiri wanjye ni umurembe (Itang. 27:9-11).

Esawu ntabwo yari umuhigi gusa ahubwo yari n'umuntu utukura, kandi yari afite n'amoya ku mubiri we.

Ahari data yankorakora, akamenya ko ndi umuriganya, nkizanira umuvumo mu cyimbo cy'umugisha.” (Itang. 27:12).

Ntabwo yari kumubona nk'umuriganya gusa ahubwo yari we.

Nyina aramubwira ati “Mwana wanjye umuvumo wawe abe ari jye ubaho, nyumvira gusa ugende uzinzanire.

Aragenda arazizana aziha nyina ateka inyama ziriyoshye nk'izo se akunda.

Rebeka yenda imyambaro myiza ya Esawu impfura ye mu nzu, ayambika Yakobo umuherezi.

Kandi ashyira impu z'abo bana b'ihene ku bikonjo bye no ku ijosi rye, aharembekereye.

Aha umwana we Yakobo za nyama ziriyoshye yatetse n'umutsima yavuze (Itang. 27:14-17).

Mwene data, ntacyo nafasha hano atari ukuvuga kuri ay'amagambo. Nyina yashyize uruhu rw'ihene kw'ijosi no ku bikonjo by'intoki kugira ngo se namukoraho, ashobore gutekereza ko yari Esawu. Amwambika n'imyambaro ya Esawu kugira ngo n'amwinukirizaho yumve impumuro ya Esawu! Biragaragara ko amavuta yakoreshega atari akomeye cyangwa se ahenze cyane. Binyibukije inkuru imwe nigeze kumva y'abantu babiri barimo bakora ahantu hato hatagutse. Umwe muri bo aravuga ati, “Yewe, ndumva amavuta y'umuntu umwe yashize.” Undi aramusubiza ati “ashobora kuba ayawe kubera ko njyewe ntayo nigera nkoresha!” yego, nibyo

ndatekereza ko Esawu ntayo yakoresheje, kandi ndatekereza ko Esawu atogaga kenshi. Nubwo utamubona washoboraga kumva impumuro ye.

Ajya aho se ari aramuhamagara ati “Data.” Aritaba ati « Ndakwitaba. Uri nde mwana wanjye ?”

Yakobo asubiza se ati « Ndi impfura yawe Esawu, nkoze ibyo wategutse. Ndakwinginze, byuka urye ku muhigo wanjye, kugira ngo umpeshe umugisha. »

Isaka abaza umwana ati « Ni iki kiwukubonesheje vuba utyo, mwana wanjye ? » aramusubiza ati « ni uko Uwiteka Imana yawe yampaye ishya. » (Itang. 27 :18-20).

Ushobora kwemeranya najye ko iki kintu uyu musore yakoze cyari icyaha ukuri kuko ni ukuri kudaciye munzira nziza. Ibi bintu turabibona ku bantu bo muri iki gihe cyacu. Bavuga ko batumwe n’Imana. Hari igihe Imana ibatuma gukora ibintu bidasanzwe! Nasanze rimwe abakristu batekereza ko bashobora gukora ibintu bituma bafungwa bagashyirwa mu mabohero. Ariko aba bantu bakabisengera hanyuma bakavuga ngo n’ubushake bw’Imana. Uremeranya nanjye ko Yakobo hano hantu yari mu kinyoma kirimo ukuri. Imana ntacyo biyitwaye nubwo byagombaga kubabaza Esawu.

Isaka abwira Yakobo ati “Mwana wanjye, igira hino ndakwinginze, ngukorakore, menye yuko uri umwana wanjye Esawu koko, cyangwa ko utari we.”

Yakobo yegera Isaka se, aramukorakora aravuga ati « ijwi ni irya Yakobo, ariko ibikonjo ni ibya Esawu. »

Ntiyamenya uwo ari we, kuko ibikonjo bye biriho ubwoya nk’ibya mukuru we Esawu, nuko amuhesha umugisha.

Aramubaza ati « Uri umwana wanjye Esawu koko ? » aramusubiza ati « Ndi we. »

Aramusubiza ati « Wunyegereze, nanjye ndye ku muhigo w’umwana wanjye kugira ngo nguheshe umugisha. » arawumwegera ararya, amuzanira vino, ashozaho.

Se Isaka aramubwira ati « Mwana wanjye, nyegera unsome.”

Aramwegera, aramusoma, yumva impumuro y’imyambaro ye, amuhesha umugisha ati « Impumuro y’umwana wanjye, imeze nk’iyo umurima Uwiteka yahaye umugisha (Itang. 27:1-27).

Urabona ko Isaka yagize amakenga y’ukuri, ariko Rebeka yari amuzi neza kandi yari azi uko bizagenda byose niyo mpamvu Isaka atabashije kumenya ko ari Yakobo wihinduranyije.

Nuko Imana iguhe ku kime kiva mu ijuru, no kumwero w’ubutaka, n’imyaka y’impeke myinshi, na vino nyinshi.

Amoko agukorere, amahanga akwikubite imbere, utware bene so, bene nyoko bakwikubite imbere. Uzakuvuma wese avumwe, uzakwifuriza umugisha wese awuhabwe.” (Itang. 27:28-29).

Isaka yari ari gutanga umugisha nk’uko nawe yawuhawe. Ikintu gitangaje ni uko uyu mugisha wari waramaze kuba uwa Yakobo kuva kera. Imana yari yari yarabivuze. Imana yari yarahaye Yakobo umugisha. Ariko kandi ntabwo Imana yishimiye uko kuriganya kwa Yakobo.

Isaka arangije guhesha Yakobo umugisha, Yakobo akiva mu maso ya Isaka se, Esawu mukuru we arahiguka.

Na we ateka inyama ziryoshye azizanira se, abwira se ati “Data byuka urye ku muhigo w’umwana wawe, kugira ngo umpeshe umugisha.”

Isaka aramubaza ati "Urinde?" aramusubiza ati "Ndi umwana wawe w’impfura Esawu."

Isaka ahinda umushyitsi mwinshi cyane ati “Ni nde washyize umuhigo akawunzanira, nkaba nariye kuri byose utaraza, nkamuhesha umugisha? Kandi koko azanawuhabwa (Itang. 27:30-33).

Hari abantu bakunze kubaza bati: Ese izo nyama zahumuraga nk’izi intama cyangwa ihene? Hari umukozi w’Imana wigeze gusubiza iki kibazo abinyujije mu buhamya bwe buteye butya ati: “Ndibuka imyaka myinshi yatambutse ubwo nari pasitori muri Pasadena nagiye kureba umuhigi w’impongo muri Utah ndi kumwe n’umukuru w’itorero. Baduha impongo, hanyuma dutumira abakiristu bese gusangira no kunezererwa hamwe, twahagiriye ibihe byiza kandi binejeje. Nta nyama nyinshi twari dufite byasabye ko tugura amaguru abiri y’intama maze bayatekana hamwe n’izindi nyama. Nta muntu n’umwe washoboye gutandukanya inyama z’intama n’izi mpongo ahubwo bese bavugaga ko zimeze neza gusa ntabindi. Zose zari zimeze kimwe. Mu yandi magambo rero Isaka nawe ntiyari kubasha gutandukanya umuhumuro w’inyama ngo amenye nuba ari ihene cyangwa intama cyangwa ubundi bwoko bw’inyama!

Rero Esawu amenya ko yafashwe n’umutego.

Esawu yumvise amagambo ya se, aboroga umuborogo mwinshi w’umunyamubabaro abwira se ati “Jye nanjye mpesha umugisha, data wambyaye.”

Aramusubiza ati “Murumuna wawe yazanye uburiganya, yiba umugisha wawe.”

Aramusubiza ati “Yakobo ni Yakobo koko izina ni ryo muntu. Ubu ni ubwa kabiri andiganya, yankuyeho ubutware dore none ankuyeho n’umugisha.” Arongera aramusubiza ati “Nta mugisha wansigiye?”

Isaka asubiza Esawu ati “Dore namuhaye kugutwara, na bene se bese nabamuhaye kuba abagaragu be, kandi namugaburiye vino n’imyaka y’impeke. Nagukorera iki, mwana wanjye.

Esawu abaza se ati “Nta mugisha n’umwe usigaranye data?” Jye nanjye mpesha umugisha, data.” Esawu araturika ararira.

Isaka se aramusubiza ati “Ubuturo bwawe buzaba kure y’umwero w’ubutaka, buzaba kure y’ikime kiva mu ijuru,

Inkota yawe ni yo izakubeshaho, kandi uzakorera murumuna wawe, kandi nugoma uzikuraho uburetwa yagushyizeho (Itang. 27:34-40).

YAKOBO AHUNGIRA KWA LABANI

Esawu yangira Yakobo umugisha se yamuhesheje. Esawu aribwira ati “Iminsi yo kwiraburira data iri bugufi, ni bwo nzica murumuna wanjye Yakobo (Itang. 37:41).

Esawu aratekereza ati Data arashaje kandi ntabwo akimaze igihe. Kandi ubwo azamara gupfa nzahita nica Yakobo. Nzamwitura inabi yangiriye! Ibi nibyo bitekerezo yari afite mu mutima we, kandi yagendaga abibwira abandi.

Babwira Rebeka amagambo ya Esawu impfura ye, atumira Yakobo umuhererezi aramubwira ati “Dore mukuru wawe Esawu agiye kwimarisha agahinda wamuteye kukwica.

Nuko rero mwana wanjye nyumvira, haguruka uhungire i Harani kwa Labani musaza wanjye (Itang. 27:42-43).

Hano kandi turabona Rebeka afata ibintu byose akabishyira mu maboko ye maze bwira Yakobo ati, “Haguruka uhunge uve hano.” Ntabwo yari azi ko na we azagira uruhare mu cyaha cye. Kandi byaje kumugiraho ingaruka kuko ntiyongeye kumubona ukundi. Rebeka yavugaga ko amwohereje kumarayo igihe gito gusa ariko Yakobo yamazeyo igihe kinini ndetse nyina Rebeka arinda apfa atongeye kubona umuhungu we Yakobo.

Tugomba kwibuka ko Rebeka yakundaga Yakobo cyane. Yashakaga kumwohereza kwa musaza we Labani aho niho yamwohereje. Aha niho Yakobo yagiye kwigira isomo rye. Rebeka yashatse ko Yakobo yajya mu ishure kugira ngo yige ibintu bimwe na bimwe. Yakobo yatekerezaga ko ari umunyabwenge, ariko nyirarume Labani yari umuhanga w’inararibonye mu by’amashuri. Umukene Yakobo asanga we ari nk’indorerezi gusa.

Umarane nawe iminsi itari myinshi, ugeze aho uburakari bwa mukuru wawe buzashirira.

Ugeze aho inzika ya mukuru wawe izakuviraho akibagirwa ibyo wamugiriye, maze nzabona kugutumira ugaruke. N’iki cyatuma mbapfushiriza hamwe mwembi? (Itang. 27:44-45).

Ese wari uzi ko igihe gito Rebeka yavugaga cyo kohereza Yakobo kwa musaza we Labani cyaganaga n’imyaka makumyabiri, kandi muriyo myaka Rebeka yahise apfa. Ntiyongeye kubona umwana we yatoneshaga ariwe Yakobo ukundi.

GUSOZA

Ikindi nakubwira ni uko Esawu atigeze atekereza kuri nyina icyo gihe cyose nyuma yahoo Yakobo amuriganyije akumutwara umugisha.

Rebeka abwira Isaka ati “Ubugingo bwanjye burambiwe abahetikazi Yakobo yarongora umuhetikazi nk’abandi ubugingo bwanjye bwamarira iki? (Itang. 27:46).

Wibuke ko Esawu yarongoye abanyamahanga, abantu batazi Imana. Icyo ni kintu cyatezaga induru murugo, kandi na Rebeka yari amaze kurengerwa nabyo. Aha rero abwira Isaka ati niba Yakobo agumye aha ngaha bizatuma nawe abigenza atyo. Ibi Rebeka yabivugiye kugira ngo abone uko ahungisha Yakobo ngo Esawu atabona uko amwica. Akorana ako kanama na Isaka kugirango amwumvishe ko icyo gukora ari uko kohereza Yakobo iwabo mu muryango w’iwabo, kwa musaza wa Rebeka witwaga Labani.

Uwiteka Mana utwigishe gutegereza amasezerano yawe, twe kwirwanirira kugira ngo ibyo wavuze kuri twebwe bisohore, nk’uko Yakobo yabigenje akariganya mukur we Esawu akamutwara umugisha nyamara kandi Yakobo yari gutegereza igihe cye! Mana nziza, utwigishe gutegereza ibyo wavuze ku buzima bwacu kandi, ubushake bwacu bwigizwe kure ahubwo ubushake bwawe abe ari bwo bukoreka. Mu izina ryawe Yesu Kristo, amen!

Ese byaba byaragendekeye gute Yakobo nyuma yo guhunga mukuru we Esawu? Nshuti yanjye ntuzacikwe n’ikiganiro kizakurikira tuzatangira igice cya 28 cy’Itangirirokivuga ahanini ku byaranze ubuzima bwa Yakobo

Amahoro n’umugisha biva ku Mana Data n’Umwana wayo Yesu Kristo n’Umwuka Wera bibane nawe!